GAKWANDI Malakiya
Selire Ruhurura
Segiteri Muhima
Nyarugenge-KIGALI.

A traiter par ..................
Date d'entrée ...02 MAI 1989...
N° classement ...DAA/A.I/...

Impamvu: 11411
Gusaba kurenganurwa,
no kwishingana.

Kigali, le 24.04.1989

Nyakubahwa Bwana Perezida wa
Repubulika y'u Rwanda
K I G A L I

Nyakubahwa Bwana Perezida,

Ku italiki ya 11/4/1989, nabandikiye mbabwira ukuntu kuya 10/4/1989, umuhesha w'urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali yashenye ateliye yanjye n'amazu yanjye akayaha MUNYANTORE wari umukodesha iwanjye.

Ku itariki ya 20/4/1989, MUNYANTORE yazanye umukozi wa Parike, uwo mukozi avuga ko ali intumwa ya Prokireri wa Repubulika muri Parike ya Kigali.

MUNYANTORE andega ko nishe inzugi z'amazu yatsindiye, akabura aho yinjilira. Uwo mukozi wa Parike amwaka imfunguzo arafungura zirakinguka. Ati:"Ko zikingutse" ? Kandi niyo zapfa ntiwabishinja utaramubonye abikora kuko n'umwansi ashobora kubikora.

MUNYANTORE arongera andega ko namennye amatafali yari arunze aho. Umukozi wa Parike ati:" Bwo se waramubonye" ? Umukozi wa Parike ati:"Dore amatafali yawe ararunze, iyaba GAKWANDI yarayamennye yari no kuyanyanyagiza. Ati: "Ntimukatuzane muri bene ibyo bintu by'amatiku"!! None uyu munsi mu gitondo nongeye kubona indi konvokasiyo yoherejwe n'uwo mukozi wari wahaje ari intumwa ya Prokireri wa Repubulika. Nyuma ya sista, mbona indi konvokasiyo ya Subusititi SIBOMANA J.Baptiste na we wo kuli Parike ya Kigali.

Nyakubahwa Bwana Perezida, nkulikije ibyo bintu nabonye, ndabamenyesha ko ku itariki ya 29/9/1986, MUNYANTORE Nahasoni yakoresheje abakozi ba Parike ya Kigali, aramfungisha, mfungurwa na Prokireri wari uhari witwa BIZIMANA, ndetse babanza kumusuzugura, bamfungura agombye gotongana na bo. Icyo gihe namaze amasaha 28 muli prison centrale.

Kuri 19/9/1987 MUNYANTORE yangambaniye kuri Brigade ya Muhima, bankura mu rugo saa kumi n'ebyili za mu gitondo, nilirwamo, ndaramo, mfungurwa mu gitondo cy'undi munsi mazemo amasaha 24.

MUNYANTORE yigeze kunteza abajandarume ninjoro, nanga gusohoka, abakuru babo barabiyama, ntibongera kuntera ninjoro. Ibyo byabaye muri 1987.

Muri 1986 na none, MUNYANTORE yazanye amabandi, bantera mu rugo bitwaje imipanga.

.../..2

Hari ku manywa, mbakizwa n'umukozi w'umuzungu wari ucumbitse iwanjye. Bateye ari ku manywa y'ihangu. Raporo y'icyo gitero yakozwe na Konseye wacu BUKA Jean Baptiste. Nibyo by'abajandarume yabikoreye Raporo.

Nyakubahwa Bwana Perezida,

nkurikije ibi byose MUNYANTORE Nahasoni yankoreye, ndasangan'ibi byo kumpamagaza kuri Parike ari byo ashaka.

None mu gihe ngitegereje igisubizo cy'ibaruwa nabandikiye kuwa II/4/1989, mbaye nishinganye,nishyize mu maboko yanyu.

Sinarangiza ntabashimiye kandi nizeye ko muzandenganura, Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika.

Mugire amahoro.

GAKWANDI Malakiya.

<u>Bimenyeshejwe</u>:
-Bwana Minisitiri w'Ubucamanza
<u>KIGALI</u>
-Bwana Prokireri Jenerali mu Rukiko rw'Ubujulire rwa <u>KIGALI</u>.
-Bwana Prokireri wa Repubulika
<u>KIGALI</u>
-Bwana MUNYANTORE Nahasoni
<u>MUHIMA-KIGALI</u>.

Voir EP5 55

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUCAMANZA
PARIKI YA REPUBULIKA
KIGALI

## URWANDIKO RUHAMAGARA

(Ingingo ya 25 na 26 z'itegeko ryo kuwa 23/2/1963)

Twabwe ..SIBOMANA J. Baptiste.......... Umushinja-cyaha mu rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali,

Dutegetse : Bwana (Madame) ..Gatwandi Malachie utuye.... ...Muhima Nyarugenge Kigali..........................

..............................................................

..............................................................

kutwitaba kuri Parike ya Repubulika i Kigali, mu biro bya ...2.............

kuwa ..Gatanu......... tariki ya ..28/4/89 ku isaha ya mbere

kugirango : (1) yiregure ku byo aregwa

(2) asobanure ibyo bamubaza

Tumumenyesheje kandi ko aramutse yanze kwitaba, ubutegetsi bushobora kumufatisha urwandiko twatanga rwo kumuzana ku gahato.

Bikorewe i Kigali, kuwa .27/4/89

UMUSHINJA-CYAHA

(signature)

(1) na(2) : gusiba icitari ngombwa

REPUBLIQUE RWANDAISE
PARQUET DE LA REPUBLIQUE
KIGALI

Njyewe Habyarimana Ildephonse
Membre. Cellule. Rukumura
nshyikirije uru rwandiko nyirarwo none kuwa 27/4/89 à 13h26' (signature)

ok le 27/04/89 à 13h36'

URAHAMAGAWE Gatwandi Malachie
(umukono)

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JUSTICE
PARQUET DE LA REPUBLIQUE

Kigali, le 26/4/89.

CONVOCATION - UGUHAMAGARWA.-

M. Gakwandi Maladkie résident à Muhima
WOWE ..........................................
Etes prié de vous présenter le .......... à .......... heures.
Utegetswe kwitaba ku italiki ya 27/4/89 ku isaha ya moya....
Au PARQUET DE KIGALI
Kuli PARIKE YA KIGALI
muni de la présente et des pièces d'identité, pour y être entendu sur des faits, dont il vous sera donné connaissance.
Kandi utegetswe kuzana n'uru rupapuro, n'ibikwanga kugira ngo bakumenyeshe igitumye baguhamagara.

R.M.P. ..88..........

L'INSPECTEUR DE POLICE JUDICIAIRE

REPUBLIQUE RWANDAISE PARQUET DE LA REPUBLIQUE KIGALI

L'OFFICIER DU MINISTERE PUBLIC

Bureau nº. 2..........

Reçu le 27.04.89 à 12h15 !!

Muhima, le 28 Mars 1987.

Rapport:
Yerekeye enquête twakoze.
y'umutekano

Twebwe Konseye n'abaselire n'abaturage twagiye gusuzuma ikibazo cya GAKWANDI Malachie cy'abantu bamuteye mw'ijoro ry'uwa 27/03/87 lishyira le 28/03/87 saa tanu n'igice.
GAKWANDI aravuga ati ndibaza igituma Abajandarume banteye n'ijoro bakansenyera urugo hanyuma bakarara bahondagura urugi rwanjye kandi nzi ko nta cyaha mfite cyatuma barara bampiga bakansenyera n'urugo.

Q: Wabwiwe n'iki ko ali Abajandarume baguteye?
R: Bahondaguraga amadilishya bavuga ngo kingura tuli Abajandarume, kandi nanjye nkingura umwenda w'idilishya nsanga nibo bafite imbunda, nsubizaho umwenda, ndabihorera, ntegereza ko basaza kunshaka habona. Aho bukereye bigejeje saa tatu ntababonye, nibwo niyemeje kubimenyesha Konseye. Kuko ibyo ali urugomo ruvanze n'itera bwoba, bituruka k'umuturanyi wanjye MUNYANTORE dufitanye urubanza namutsindiye rw'amazu twaburanaga.

Q: Ese? mubaturanyi bawe ntawundi muntu waba yabumvise?
R: Ati n'abacumbitse iwanjye babyumvise, balimo n'umuboyi wabo witwa SIBOMANA Selemani kuko yabashije no kuvugana nabo bajandarume.

Q: Kuli SIBOMANA Selemani mwene BANGANEZA na MUKAMUKAMA uvuka Komini RUKONDO - GIKONGORO ati: Jyewe nali munzu ntera ipasi numva abantu bakomanze k'umuryango w'irembo ngirango ni badatabuja baje, nkinguye numva abantu bambwiraga ngo ngwino ukingure, ndababwira nti ntamfunguzo mfite zaho, bati genda ubwire beneho baze babakingure, kandi ubabwire ko ali abajandarume babakinguza, kandi nanjye ubwanjye nabarebaga usibye ko ntashoboye gufata isura yabo. Ubwo nabonye bene urugo basinziliye nanjye numva mfite ubwoba mpita nsubira munzu ndakinga. Hanyuma nza kumva bageze ku madilishya yo kwa GAKWANDI y'inyuma barahondagura, kuva icyo gihe ninengeye gusohoka, keretse nyuma bamaze kugenda.

Q: Harubwo wigeze ubona Abajandarume baliye urugo?
R: Ati nabonye babili buliye urugo bagwa imbere, ninabwo nahise mfunga. Uwabivuze kandi wabibonye SIBOMANA Selemani

Q: Kuli GAKWANDI: nta bandi baturanyi baba babibonye?
R: Ati: Ubwo baba bali bahali usibye ko jye nagize ubwoba ninabasha gukingura ngo njye hanze.

Q: Kuli GAKWANDI: Hali kindi wongera kul'ikibazo cyawe?
R: Ati: Ibyo nakongera ku kibazo cyanjye, mbere na mbere n'ukwishingana, kuko atalibwo bwambere bantera, no muli 1984 mu kwezi kwa cumi na kumwe higeze kuza igitero cy'Abajandarume giturutse ku bakobwa ba MUNYANTORE dufitanye urubanza, abo bajandarume bali bayobowe n'uwali 1er Sgt Major witwa HATEGEKIMANA wali ushinzwe iperereza muli Brigade ya Nyarugenge. K'uburyo nishinganye mu biro bishinzwe iperereza muli Présidence ya Repubulika y'u Rwanda. Ubu nanone nkaba nishinganye, kuko nanone nakomeje gukurikiranwa kandi ntazi icyo nzira.

Abali bahali dukora iyo enquête:

1) HABYALIMANA Ildephonse Membre wa Selire Ruhurura
2) NSENGIYUMVA Balthazar Policier Communal wa Nyarugenge
3) SEGARUKA Frodouard " " "
4) NYAMIHANA Aloys
5) MUKAMFIZI Vestine
6) NTAGANZWA Marcel Responsable wa Selire Kabakene.

Konseye wa Segiteri Muhima
BUKI Jean Baptiste

SEGITERI MUHIMA
Komini Nyarugenge

Muhima, le 28 Mars 1987.

Militant Bourgmestre wa Komini
y'Umujyi ya Nyarugenge

<u>KIGALI.</u>

Militant Bourgmestre,

Mbandikiye iy'ibaruwa ihereksje enquête nakoze y'umuturage witwa GAKWANDI utuye muli Selire Rubururu, Segiteri Muhima, akaba yaretewe mw'ijoro ryo kuwa 27/03/87 rishyira le 28/03/87 mu masaa tanu n'igice y'ijoro.

Uwo muturage yatewe n'abajandarume tutashoboye kumenya amasina yabo, akaba ali nacyo gituma mbyohereje n'ubutegetsi bushinzwe umutekano kugirango bukasusume [illegible] cy'uwo muturage uhora uterwa ntacyaha tumuziho cy'ubugome afite muli Segiteri.

Nkaba nsabye ko mwabikurikirana kugirango uwo muturage nawe agire amahoro.

Mugire akazi keza.

Konseye wa Segiteri Muhima
BUKA Jean Baptiste.

SECTE[illegible]UHIMA
Komini [illegible]genge

Bimenyeshejwe:

- Préfet wa Prefecture Kigali.
- Procureur wa Repubulika
  Parquet ya Kigali
- Commandent ushinzwe umutekano
  Camp Kabgayi

Muhima le 07/04/87

Militant Bourgmestre wa Komini
y'Umujyi ya NYARUGENGE
KIGALI.

Militant Bourgmestre,

Nkwandikiye iyi baruwa nkoherereza uyu GAKWANDI Palachie utuye muli Selire Ruhurura Segiteri Muhima urega umuntu witwa MUNYANTORE Nahanan ko yagiye kuwo GAKWANDI akamwe n'umukozi we baca inzugi kwandikirwe barana zitwara. Kandi ayo matiku y'uwo MUNYANTORE nayabuligihe, nyirango naho hafi za rapport nyinshi zivuga ibye, kandi ntagenzagenza gucogora. Mugire akazi keza

Konseye wa Segiteri Muhima
Bura Jean Baptiste.

SECT... ...IMA
Komin... ...ge

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JUSTICE
PRISON CENTRALE DE
K I G A L I.-

RE/~~BH~~ 2175/86

## BILLET D'ELARGISSMENT.

Le nommé .....Gakwandi Malachie.....................

Fils de ..........Kayonga......... et de Nyirazuki........

Originaire de ......Buzoba......... Commune Taba..........

Préfecture ........Gitarama....Résidant à..Muhima Nyarugenge

~~Condamné par le Tribunal de ..........~~...........................

~~en date du ...................~~..........................................

a été élargi d'après ~~avoir subi sa peine de servitude~~ Liberté Provisoire principale de ......

~~de servitude pénale subsidiaire de .........~~...........................

~~Une contrainte par corps de ..........~~...........................

Il peut réintégrer son domicile Muhima Nyarugenge Kigali

Mod.Minijust-SP-206-B

I.N.R. [illegible]-3000

KIGALI, le 30/9/86

Le Directeur de Prison

Kamonyo

AC Gd BARAKENGERA Théo

REPUBLIQUE RWANDAISE - PRISON CENTRALE DE KIGALI